

# KANGURA

100frw

250fbu

DWI RICAMI JE GUKANGURA NO  
KURENGERA RUBANDA  
NYAMWINSHI.

N° 56

Février 1994

## AGATA NA RUGENERA BARASHAKA KUYAHO BAVANYEMO AYABO



NI INDE UZAKIRA IMIRWANO  
Y'ABASHYIGIKIYE TWAGIRAMUNGU  
NA HABYARIMANA.

- HARYA NGO INKOTANYI ZIZARWANA !  
ZIZARWANE.....
- BURUNDI : UBUMWE BW'ABARUNDI  
NI NKO GUTWICA INZU UGAHISHA  
UMWOTSI.
- HABYARIMANA ASIGAYE YUMVA !
- BURUNDI : NTARYAMIRA :  
DISIPULINE....DISIPULINE.....  
URETSE MU GISODA !



# EDITORIAL

## AHO INZOVU EBYIRI ZIKIRANIYE HABABARA IBYATSI. NI NDE UZAKIRA IMIRWANO YABASHYIGIKIYE TWAGIRAMUNGU NA HABYARIMANA ?



*Ngo politiki y'inda n'amacenga ni umukino mubi cyane kuko uhitana benshi. Umurundi ati "uzoguhusha ntuzomuhushe". U Rwanda rumaze imyaka itatu mu ntambara twashojojemo n'inyenzi. Aho habereye imishyikirano yiswe iy'Arusha, intambara yahinduye isura. Ubutegeksi bwari bwihariwe na Habyarimana bubona ibice bibiri biburwanya. Abo twita "opposition" bashinze amashyaka imbere mu Gihugu. Interu yayo akaba ari ugukora ibishoboka byose, mu nzira izo arizo zose agahirika Habyarimana. Hari n'ikindi gice kigizwe n'inyenzi zo zifuzaga gufata igihugu twambuye ba sekuru muri 1959 maze bakongera bakadutegeka uko bashatse. Uwanze kuba ingaruzwamuheto akicwa urubozo.*

*Abari ku isonga y'icyo gice cya kabiri ni abatutsi bafite intwarz bashyigikiwe na Museveni. Kuri bo intambara izatinda kuko izajya ihindura isura kugeza aho bagereye kubyo bashatse. Muri iki gihe dufite agahenge k'intambara yamasasu isa n'iyahagaze ku mupaka. Usibye ko ishobora kubura igihe icyo aricyo cyose bayishakira nk'uko bigaragara.*

**Amakosa yabaye ayahe muri ziriya ntambara ?**

*Intambara igitangira, abanyarwanda twese twashyize hamwe. Maze umwanzi tumwereka ko ntacyo yageraho mu gihe abahutu dushyize hamwe. Nibwo inyenzi zibibonye vuba vuba, maze zihita zihindura umukino, zishaka abahutu b'ibida binini buzuye ubuswa nka ba Nsengiyaremye maze*

*zirabashuka ngo nibarwane iyimbere mu gihugu nabo barwane iyo ku mupaka. Ngo nibatsinda bazagabane dore ko kuri bose umwanzi yari Habyarimana. Ubwo Nsengiyaremye aratangira akora giswa, atuma za Byumba na Ruhengeri zifatwa.*

*Bwa buswa bwa Nsengiyaremye, atemera kubera kureba hafi, nibwo Twagiramungu yarebye maze amukoresha amarorerwa. Akamusinyisha ibantu atumva akamutegeka gusoma amadisikuru atazi aho yateguriwe. Nibwo abajije n'abarwanashyaka aho yerekeza ishyaka ryabo ry'umucyo abasubiza ko intego ye ari ukubanza guhirika Habyarimana yarangiza akabona guhirika abatutsi n'inyenzi zene wabo. Twagiramungu yahise arita mu gutwi asaba inkotanyi ko zamufasha guhirkira Nsengiyaremye. Nibwo zimusabye kubanza kuzatorerwa umwanya wa Perezida wa MDR kandi nabwo zikabimufashamo. Ariko hagati aho Nsengiyaremye yicishije abantu benshi ngo ar فهو، aseyesha amazu menshi y'abatavuga rumwe nawe. Abandi abagira impunzi iwabo. Ngo arahima Habyarimana !*

*Muri iyo vuruguvurugu imeze nk'iy'inzovu ebyiri zishyamiranye, haguye inzirakarengane nyinshi ku buryo nihaboneka agahenge, Nsengiyaremye azabisobanurira umuryango w'abahutu yamariye ku icumu. Ibara rya gatatu ry'iyi ntambara nkuko twakunze kubivuga kuva cyera ni ibi bihe tugezemo. Twagiramungu agiye kuba Minisitiri w'Intebi ku ngufu. Kugira ngo abigereho kandi yabifashijwemo na Habyarimana washakaga kwikiza umugambanyi Nsengiyaremye n'agatsiko ke.*

*Ibyo Habyarimana yabigezeho n'ubwo byahitanye abantu benshi nkuko twabivuze haruguru. Icyo Habyarimana agomba guhora azirika na n'uko urucira mu kaso rugahitana nyoko. Ngo uvura umututsi imitezi akakwendera umugore. Kuba Twagiramungu abaye Minisitiri w'Intebi ku ngufu, uwa mbere bizagwa nabi ni Habyarimana dore ko amasezerano y'amahoro y'Arusha yamuciye*

*amaboko, akayaha Twagiramungu n'inkotanyi ze.*

*Twagiramungu akora amadisikuru ye buri munsi yo gushinyagurira Habyarimana, bityo bitume abakunda Habyarimana barakara maze bashyamirane n'inkotanyi zizaba zikomeye kuri Twagiramungu.*

*Dore ko n'ibyo zifite ari we zibikesha. N'ubwo bavuga ngo inkotanyi zizavanga n'inzirabwoba maze bagakora ingabo z'igihugu. Ibyo ni amahamba kuko uzaja asanga inkotanyi zitaruye kugira ngo zice abatavuga rumwe nazo. Abadapfuye kandi zizabacecekesha ku buryo kuvuga inkotanyi nabi azaba ari ibantu bikomeye. Ni ukuvuga ko ku butegetsi bwa Twagiramungu hazapfa abantu benshi imbere mu gihugu, abakunda Habyarimana bazajya banga ko asuzugurwa babona, abashyigikiye revolisiyo yo muri 1959 batazajya bifuzza ko izimangatana dore ko mu byo Twagiramungu ashigaje gukorera inkotanyi ari ukwibagiza iryo jambo n'ibirikomokaho byose.*

*Twagiramungu azaba ari Minisitiri w'Intebi, utegekera i Kigali gusa kuko atazaba ashobora kugira Perefegitura y'indi ageramo kubera ko azaba ahigwa n'abahutu bose. Kere-tse ba Kanyarengwe n'abandi barindagiye nkawe. Yewe ntazaba ashobora no kujya iwabo i Cyangugu cyangwa se kwa ba Sebukwe i Gitarama. Umva ko Habyarimana ari i Kinani ngaho nanangire maze Twagiramungu ntamugire ayo ifundi igira ibivuzo. Nsengiyaremye yabohojje Abashyigikiye Habyarimana hapfa benshi. None ni inde uzakira intambara y'abadashaka ko Habyarimana asuzugurwa babona kandi ari nayo ntegano ya Twagiramungu n'inyenzi ze ? Ngo aho inzovu ebyiri zikiraniye hababara ibyatsi. Nguko uko abantu bagiye kongera kwicwa urubozo bazi-ra biriya bice byombi bizaba bishyamiranye.*

NGEZE Hassan.

## NONEHO HABYARIMANA ASIGAYE YUMVA !

Hari impuguke yigeze kwandika ku mibereho y'abakuru b'bibihugu bo muri Afurika. Iyo mpuguke iragira iti: "umukuru w'igihugu wo muri Afurika, bamuhisha ukuri ku ngorane igihugu cye gihura nazo. Aba akikijwe n'abagaragu bamuhuma amaso. Muri Afurika yose uzajya wumva ngo iyo abimenya ntawo yari kwemera ko bikorwa. Ngo ni mwiza (umukuru w'igihugu) ariko abafasha be ntibamwumva".

Iyo shusho iyo mpuguke yatanze ku bakuru b'bibihugu byo muri Afurika ni yo. Kuko akenshi usanga umukuru w'igihugu abafasha be baramugize imfungwa, bamugira inama akenshi zituma akora amakosa. Bakamuziba amatwi bityo ntashobore kumva inama mbi n'inziza.

Ngo ijya kurisha ihera ku rugo. N'ukuri guca mu ziko ntigushye. Mbere yo kuvuga abandi, duhere iwacu. Byakunze kuvugwa ko Perezida HABYARIMANA ari imfungwa y'ibyegera bye. Ariko cyane cyane abo bafitanye isano mu muryango. Inkuru zarakwiriye ko burya Habyarimana atari umutegetsi mubi, azira gusa bene wabo. Kandi koko iyo urebye neza, usanga ari byo. Ibyegera bya HABYARIMANA byigize ibigirwamana ku buryo bamwe bumva bari hejuru ye kandi ari we wabagabiye. Barica agasozzi, barasahura, barahohotera rubanda ntihagire urevura. Wagira ngo bari hejuru y'amategeko. Ibyo byose rubanda iba ibireba ikicecekera ngo ititeranya. Cyakora ntihabura ab'inkwakuzi batera hejuru bakamagana iyo migirire. Ntawahakana ko ijwi ryabo rigera ku mukuru w'igihugu.

Icyo rubanda yakunze kunenga kuri Habyarimana ni ukuzaria nkana mu gufata ibyemezo. Rubanda ikamutungira agatoki ku marorerwa ya bene wabo cyangwa se abafasha be ba hafi, akabyihorera nkana. Igitera rubanda impungenge kuri Perezida Habyarimana ni uko asa n'udashaka kumva inama zamugirira akamaro cyangwa se zakura igihugu mu makuba. Ari nayo mpamvu abensi bavuga ko ubwitonzi bwe azabuzira cyangwa se bugatuma igihugu kihazaharira. Ingero sizo zibuze. Ikinyamakuru cyanyu Kangura, ijwi rya rubanda nyamwinshi nta gihe kitahanuriye Perezida Habyarimana amakuba agiye kumugwirira cyangwa se yugarije



igihugu ariko akavunira ibiti mu matwi. Agatabara amazi yarenze inkcombe.

Iyo Perezida Habyarimana n'abategetsi b'u Rwanda muri rusange batadebeka, iyi ntambara ntiyari kuba. Niyo iba ntawo yari kwangiza ibantu nk'ibyo yangije. Mugenzi wacu NGEZE Hassan hari uko atagize ngo abwire Perezida Habyarimana n'abafasha be ko inyenzi z'abatutsi zirimo gutegura intambara ? Inyituranse se ntiyabaye kumushyira mu kagozi ! Nyamara ntibatinze kubona ko bibeshe. Bazumirwa !

Perezida Habyarimana nta gihe tutamubwiye ko abatutsi arimo gukundwakaza abaha imyanya ikomeye, abegurira ubukungu bw'igihugu, bazamuhinduka. None siko byagenze ! Bamaze kurengwa ibyiza bya Repubulika ya II, babonye igisigaye ari ugufata intwaro bagafata igihugu ku ngufu ! Habyarimana nawe agakomeza gushinyagurira rubanda nyamwinshi ari nako ayishongoraho ngo ntacyo atakoze ngo abatutsi bamererwe neza ! Ntakamenye ko iyo rubanda ariyo itumye agera aho ageze. Kandi ko ikimushyigikiye. Ngo utazi ikimuhatse .....

Cyakora muri iyi minsi, umuntu yahamya ko Habyarimana asigaye yarikubise agashyi. Ahari ni uko asigaye abona ko ibihe bigeze aharindimuka. Kangura iherutse kumuburira ko bari kumukorera kudeta iyo ajya mu mihangyo gushyingura nyakwigendera Houphouet Boigny, tariki ya 7/2/1994. Twari twavuze ko Habyarimana iyo ajya muri iyo mihangyo. Twagiramungu, Agatha Uwilingiyimana, Kavaruganda bafatanyije na MINUAR, bari gukora

AGATHA NA TWAGI-  
RANKINGU BA MINUAR  
ZITIRI RINTEBE  
BA HABYARIMANA

akanama dakemeza ko Perezida Habyarimana yahunze igihugu. Bityo bagahita bamusimbuza "Rukokoma".

Uko twari twabivuze niko byagenze. Uwo munsi tariki ya 7/02/1994 ako kanama karabaye ku cyicaro cya MINUAR i Remera. N'ubwo bwose iyo nama yahinduye bya nyirarureshwah gahunga y'ibyigwa, icyo yari igamije ni ugukura Perezida Habyarimana ku butegetsi. Uwo mugambi waburiyemo kuko Perezida Habyarimana atagiye muri Côte d'Ivoire akoherezayo Sindikubwabo. Twizere ko noneho Perezida Habyarimana asigaye yumva ? Byaba ari amahirwe. Naho ubundi ....

SEBATUNZI AKOMEJE GUHOTERA  
SEBATUNZI YIGIRA NYONINYINSI.



# INSTITUT SAINT FIDELE : ABANYESHURI BASIGAYE KU RUHU INKA YARARIWE KERA

Ikibazo cy'uburezi mu Rwanda kimaze kuba ingorabahizi. Hambere, Leta y'u Rwanda, ifatanyije n'abihaye Imana yishingiraga uburere bw'urubyiruko n'ubwo bwose itishingiraga kurubonera akazi.

Buhoro buhoro, uko abanyarwanda bagendaga biyongera, niko Leta yagendaga ibura amikoro. Hakiga umukire, hagasiba umukene. Leta ibibonye ityo yitabaza abikorera ku giti cyabo. Nabo ntibayitenguha. Amashuri abanza n'ayisumbuye arubakwa hirya no hino mu Rwanda ndetse n'amakuru. Mu rwego rwa Kaminuza, nyuma ya Kaminuza y'u Rwanda yabonye izuba mu w'1963, haje kuza izindi "kaminuza" z'abikorera ku giti cyabo. Muri izo, iyavutse bwa mbere ni "Ecole Supérieure" de Gestion et d'Informatique" abenshi bita "Institut Saint Fidèle" yo ku Gisenyi.



Mu yandi magambo, ni ishuri rikuru (kaminuza) ryigisha ubucungamari n'ubuhanga buhanitse wifashishije bya byuma kabuhariwe mu kubara bita "ordinateurs". Ryahimbwe n'umuherwe Rwabukumba Séraphin, wahoze ari umutegetsi muri Banki nkuru y'igihugu. Rwabukumba uwo, abenshi muri Kigali bari bakunze kumwita uwo mu "kazu" kubera ahari isano afitanye n'umukuru w'igihugu. Nyuma ya "Institut Saint Fidèle" haje kuvuka izindi "kaminuza" z'abikorera ku giti cyabo cyangwa se abihaye Imana. Twavuga nka "Iscapa" ya Kilizya gaturika yubatswe muri komini Nkumba mu Ruhengeri na Kaminuza y'Abadiventi yo ku Mudende, yakira abanyeshuri bo muri aho karere k'Afurika yo hagati.

## Izina siryo muntu

"Institut St Fidèle" igishingwa, abenshi bari bazi ko ari ishuri rikuru ry'abana b'abaherwe. Abazobereye mu kuvangura amoko n'uturere ntibatinze kuvuga ko ari ishuri ry'"abakiga" bo mu "kazu". Ntibibesheye cyane. "Institut Saint Fidèle" igitangira yari yihagazeho, abanyeshuri bari bafashwe nk'"ingagi". Dore ko iyo shuri ryari rishygikiwe na Guverinoma y'u Rwanda yoherezagamo abanyeshuri, ikanabarihira. Uretse n'ibyo, "Institut Saint Fidèle" ikagira akarusho.

Iyo shuri ryahise riterwa inkunga na wa muryango w'ubukungu uhuje ibihugu by'i Burayi bw'iburengerezuba (CEE-Communauté Economique Européenne), ubinyujije ku kigega cyawo qitsura amajyambere FED

ukwinjiza inoti. Ioyari kibyimbye rero cyamenetse ejo bundi ubwo abanyeshuri biyemezaga guhagarika amasomo bagakora imyigaragambyo. Impamvu bafasho icyo c'emezo zikubiye mu ibarluwa bandikiye (tariki ya 4/02/1994) Minisitiri w'Amashuri makuru n'ubushakashatsi mu by'ubuhanga, Minisitiri w'imigambi ya Leta, nyiri ishuri, uhagarariye FED mu Rwanda, uhagarariye umushinga Prime, n'uhagarariye mu Rwanda ishami ry'umuryango w'abibumbye ryita ku mpunzi (HCR). Ibibazo by'ingenzi byakuruye iyo myigaragambo bikubiye mu ngingo cumi n'imwe (11).

1. Abanyeshuri biyandikishije mu ishuri ku giti cyabo, bakaba bararishye amafaranga y'ishuri yose (minerivari), ari abarishye mu mwaka ushize, cyangwa se muri uyu mwaka w'Amashuri, nyuma bakaza kubona buruse ya Leta, ntibashubijwe amafaranga yabo.

2. Kubera ko ikigega cya FED cyiyemeje kurihira minerivari abanyeshuri cyemereye buruse, abanyeshuri bo muri "Institut Saint Fidèle" ntibumva ukuntu abayobozi babo bahora babatera ubwoba ngo nibongere barihe ibihumbi 50.

3. Ntitwumva ukuntu abayobozi bacu badutegeka gutanga amafaranga 1.000 buri munyeshuri ngo y'ubwishingizi. Kandi kuva iyo shuri ryashingwa abanyeshuri bagiye bagira impanuka nta n'umwe wigeze arihwa.

4. Ikindi kitumvikana ni ukuntu abanyeshuri bagomba kwigurira ubwabo ibikoresho (intebe, ibitanda, matela) byo gushyira mu byumba babamo. Bagahindukira buri munyeshuri akariha icyumba amafaranga ibihumbi 2, ku kwezi kandi akagomba kubana n'abandi banyeshuri 2 nabo bishyura 2.000 buri muntu. Uko kubyigana niko nyirabayazana w'imibereho mibi y'abanyeshuri. Kandi igiciro cy'ibihumbi 6 ntighwanye na gato n'uko ibyumba bingana.

5. Umwenda uhwanye na miliyoni 6 (6.000.000 FRWS) "Institut Saint Fidèle" ibereyemo Electrogaz (amazi n'umuriro) watumye abayobozi b'ishuri bafungira umuriro abanyeshuri, uwo mwenda ntubareba kuko bo baba bishyuye ibyo bagomba ishuri.

(Fonds Européen de Développement) Imfashanyo z'icyo kigega kandi zose zikajya muri iyo shuri. Ndagura izerekerye n'uburezi. FED yemereye iyo shuri kujya irihira abanyeshuri batari bake amafaranga y'ishuri. Kandi ayo mafaranga aratubutse cyane ugereranyije n'ayo Guverinoma y'u Rwanda itangira abanyeshuri yahaye buruse.

Ubwo kandi niko ababyeyi bifite bari bakomeje kurihira abana babo. Dore ko abenshi baribonagamo amizeri. Ngo impamvu ingana ururo. Inda nini z'abashinze iyo shuri niyo igiye kurisenya. Buhoro buhoro, ba nyiri gushinga iyo kaminuza berekanye ko iby'uburezi bitabashishikaie. icyangombwa ari

5. Ibibazo by'ubukungu n'ibibazo by'amasomo bigomba gutandukana. Ntibiyumvikana ukuntu abanyeshuri batabwirwa amanota yabo ngo ni uko batari bariha ibyumba bararamo. Kandi babaho bicumbikiye. Ukongeraho n'uko ubuyobozi butera uwoboa abarimu ntibakosore ibizamini, bityo abanyeshuri bakamburwa uburenganzira bwabo bwo kumenya amanota babonye.

7. Ubwiyongere bw'abanyeshuri muri iyi myaka 10 ishuri rimaze rishinzwe ntabwo bujyana n'iyyongerwa ry'ibikoresho. Abanyeshuri muri rusange, cyane cyane abiga "secrétariat" barinubira uburyo abayobozi b'ishuri badukanye bwo gutegeka abanyeshuri kwigurira ibikoresho. Imfashanyigisho nazo ni nke ugereranyije n'umubare w'abanyeshuri. Urugero: ku ishuri ryose harabarirwa "ordinateurs" 15, muri zo izikora ni 8 gusa ku banyeshuri 250 kandi nazo zidafite ibya ngombwa byose. Aho bigira naho ntihagira intebé n'ameza.

8. Abarimu nabo ni bake cyane ku buryo usanga nka buri shami rifite abarimu batarenze 2. Niyo mpamvu abarimu bigira ibigirwamana bakiyenza ku banyeshuri kuko baba babafiteho ububasha nk'ubw'lmana.

9. Kuvuga ngo umunyeshuri wo muri "Institut Saint Fidèle" atsinda iyo gusa afite amanota 13 kuri 20 nabyo ntibiyumvikana. Kuko nta handi biba. Gutsinda ufite amanota 10 kuri 20 ntacyo bitwaye kuko byahumuriza abanyeshuri bahora bahangayikishijwe n'ayo manota y'ikirenga.

10. Abanyeshuri bakeneye kandi ahantu ho kwidagadurira. Nta bibuga by'imikino biharangwa bityo abanyeshuri ntibabone uburyo basabana. Buri muntu akaba ukwe, ntibabone aho bahurira, bigatuma hazza umwuka mubi. Abanyeshuri ntibagira n'aho kurebera no kumva amakuru.

11. Abanyeshuri barihirwa na Guverinoma y'u Rwanda ndetse n'abarihiwa n'umushinga Prime baribaza niba bataragambaniwe. Bitabaye ibyo barasaba ko babaha ibirarane by'ukwezi kwa 10, 11, 12, Mutarama n'ukwezi kwa 2 kuko batakizerwa n'ababagaburira bakaba barabasezereye. Ubu batunzwe no gusabiriza. Muri make nguko uko ibibazo biteye.

#### Tubyibazeho.

Ikibazo cy'abanyeshuri bo muri "Institut Saint Fidèle" ni ikibazo kihutirwa kuko ni ikibazo kireba igihugu. Muri iki gihe abantu, cyane cyane ababyeyi baribaza niba abashinga amashuri yaba ayisumbye cyangwa amakuru baba bagamije guteza imbere uburezi cyangwa se baba bagamije inyungu zabo bwite. Kuko ntabwo abantu bazakomeza kwhanganira abatekamutwe, babeshya rubanda, bakaka imfashanyo barangiza bakishyirira mu mifuko yabo.

Abanyeshuri bo muri "Institut Saint Fidèle" ubwo twabasuraga bagize bati "Niba Rwabukumba atari umutekamutwe kuki yihisha ? Aratinya nde ? Naze tumubwire

ibibazo biri mu ishuri ye". Bakongera bati "Naho kutubwira ngo yifitiye affaires ze arimo, ngo yigiriye i Buraya no muri Amerika, biratwereka ko ntacyo yitayeho". Naho ubundi byakumvikana gute ukuntu umuntu yashinga ishuri akamara imyaka 10 atararikandagizamo ikirenge ?

Ahubwo akohereza abagaragu be bamwumvira bahumirije. Abo ngabo nabo ngo bararye ari menge. Ibya rubanda ni ibya rubanda kandi rubanda izisubiza utwayo. Ishuri nka ririya riri mu rwego rwa kaminuza, rishobora gute kumara imyaka 10 yose nta buzima gatozi ?

Abanyeshuri bo muri "Institut Saint Fidèle" baribaza kandi impamvu Minisitiri w'amashuri makuru n'ubushakashatsi mu by'ubuhanga, Minisitiri w'imigambi ya Leta, igenga imfashanyo zose duhabwa, b'abafasha ba St Fidèle cyane cyane ikigega FED, batoheresa impuguke ngo zize kugenzura ? Ku buryo abanyeshuri basigaye bafite impungenge ko hair akagambane hagati ya Leta y'u Rwanda, nyiri ishuri n'abatanga imfashanyo.

Bakongera bati "Kaminuza nzima itagira n'igare ? Iby'imodoka byo tube tubishyize iruhande. Ni agahomamunwa ! Mu Rwanda "escroquerie" (uburiganaya) ni icyaha gihaniwa. Niba ubucamanza bwo mu Rwanda bugikora, Rwabukumba bamubitsemo iki ?

NGEZE Hassan.

## WAGIRANGO ABATUTSI BO NTIBAVA AMARASO....

Bagenzi bacu bo kuri RTLM nibo bamerutse gutanga ishusho nyayo ya FPR-INKOTANYI. Habimana Kantano yagize ati : "FPR imaze nk'umukobwa ushaka umugabo. Uwo mukobwa ariko akaba afite ahano menshi... yarakuyemo inda".

Mu kiganiro FPR yagiranye n'abanyamakuru ku cyumweru tariki ya 6/02/1994 muri Hôtel des Diplomates i Kigali, ikiganiro abenshi bise mitingi ya mbere y'Inkotanyi, abayobozi ba FPR berekanye ko inyenzi zifite ibibazo uretse kwihagararaho. Ikibazo cya mbere FPR ifite ni ukumvisha abanyarwanda no kwerekana imbere y'amahanga ko itariki wa mutwe w'abarwayi... ko yahindutse "ishyaka".

Kugira ngo FPR ihinduke ishyaka rya politiki ku buryo bwemewe n'amategeko, icya mbere na mbere igomba kuzuza ni ukutagira ingabo. Nta shyaka rigomba kugira ingabo. Hanyuma ikabona ikajya muri Minisiteri y'ubutegetsi bw'igihugu (ahoho irisanga kuko izaba ari iya FPR) kwiyandikisha no kujya kwa "notaire".

FPR iherutse gutera urwenya isaba abayobozi ba Radiyo Rwanda ko bayiha umwanya kuri gahunda ya Radio Rwanda nayo igatanga ikiganiro nk'andi mashyaka. Sinzi niba ari ukwigira nkana. Ariko abayobozi ba FPR mbere yo kwandika iriya baruwa bagombye kuba barabanje bagatekereza. Nta shyaka rya politiki rifite ingabo ryemerewe gukorera mu Rwanda ku mugaragaro.

Icyo kibazo FPR yize amayeri yo kugihunga ariko amaherezo y'inzira ni mu nzu. Niyo mpamvu abayobozi ba FPR batangiye kuvuga ko FPR atari ishyaka. Ngo ni umuryango ! Ngo biyise ishyaka byatera andi mashyaka amashyari !!! Inkotanyi zabonye abanyarwanda ari ibicucu bitabona ? FPR yakwitwa "umuryango" (w'abatutsi), ishyaka cyangwa se umutwe, ibyo aribyo byose igomba kugira "sitati" z'ishyaka kugira ngo ibone uko ihangana n'andi mashyaka.

FPR mu kwiyita umuryango harimo amacenga menshi ya politiki. Nta muntu ushobora kwinjira mu muryango adafite umubyara. Ni ukuvuga ko umuntu wese ushaka kwinjira muri FPR atabifitiye uburenganzira. Ushobora kubura

ukubyara, bityo ukabura uko winjira muri uwo muryango. Ikindi kibazo FPR ifite kandi cy'ingutu ni ugushakira abayoboke mubo yiciye ababo.

Rubanda nyamwinshi cyane cyane abanya Byumba n'abanya Ruhengeri aka kanya ntibagwe amarorerwa y'inzenzi zakoze kandi zigikora muri ako karere. Abavanyewe

## AGATA NA RUGENERA BARASHAKA KUVAVYEMO AYABO

Tumaze kumenya ko «bombari-bombari» muri Banki nkuru y'igihugu yakuruwe n'inyota y'ifaranga, hakaba hari amafaranga miliyoni 400 z'amadolari y'abanyamerika, ni ukuvuga akayabo ka miliyari 60 u yavunje mu manyarwanda ashaka kunyerezwa na Minisitiri w'imari, Bwana Rugenera Mariko na Minisitiri w'intebé, Madame Uwilingiyimana Agatha, babifashijwemo n'abazungu babiri, Bwana Alain Martinez na Jean Besse.

Dore uko uwo mugambi wo kunyereza wari wacuzwe noneho ukaburizwamo na Guverineri wa Banki Nkuru y'Ighugu 'Bwana Ntirugirimbabazi Denis. Kubabuza kunyereza ayo mafaranga bikaba aribyo nyine byakuruye «bombari-bombari» muri Banki Nasisonari y'u Rwanda, bashaka kwirukana Ntirugirimbabazi ku buryo bunyuranyije n'amategeko, bakamusimbaza Niyegeka Gérard, Visi-Guverineri wa mbere, noneho «dosive» igakunda igahita, amafaranga akaribwa.

Minisitiri w'Imari, Bwana Rugenera Mariko na Minisitiri w'Intebé, Madame Agathe Uwilingiyimana bagiranye amasezerano n'abazu ngu babiri, Bwana Alain Martinez na Jean Besse, bat : «tubahaye uburenganzira busesuye bwo kuguza miliyoni 400 z'amadolari ni uku uga miliyari 60 z'amafaranga y'amanyarwanda. Ayo mafaranga abo bazungu bombi bakayaguza mu mabanki yo mu Burayi. Mu izina rya Gu erinoma y'u Rwanda, Minisitiri w'Intebé, Madame Uwilingiyimana Agatha abasinyira urupapuro rubaha uburenganzira busesuye bwo gu sinyira ayo mafaranga.

Urwu rupapuro Madame Uwilingiyimana Agatha yarushyizeho umukono tariki ya 28/8/1993. Urwu rupapuro turarufite. Ruvuga

mu byabo n'intambara aka kanya ntibagwe uwatumye bangara bakaba baheze ku gasozi. Abanya Gatonde ntabwo mu myaka itatu baba bibagiwe ibyo Kanyarengwe yabakoreye. Abatutsi, uko babavuze, bagomba kuba ari abatesi. Mu kiganiro inkotanyi ziherutse kugirira muri Hôtel des Diplomates, zatangaje abantu. Tito Rutaremara ati "Nafashe intwarz ndwanya igitugu, nzongera

mfate intwarz ndwanye icyo gitugu..." Amashyi ngo kaci kaci... Abatutsi bakomeye Rutaremara amashyi aho bibuka ko nabo bava amaraso. Intambara Rutaremara akangisha, aho azi ko ari we wayigwamo bwembere, we na bene wabo ? Ni aho kwibaza.

Kanira

ko kuri uwo mwenda, Leta y'u Rwanda izasinya garanti y'impapuro ICUMI zimeze nk'amasheki bita «billets à ordre» mu rurimi rw'igifaransa, cyangwa se «promissory notes» mu cyongereza. Izo mpapuro zigatangwa guhera tariki ya 24/8/1993 kugeza tariki ya 23/8/1994, ni ukuvuga ko uwo mwenda wogombaga kwishyurwa mu mwaka umwe.

igahita ifataho 22 ku ijana zihwanye n'inyungu ku mwaka, ubwishingizi n'akazi yakoze ko kuyasho-hora.

Hakaba hasigaye miliyoni 312, Abagize uruhare mu kuguza ayo mafaranga, Bwana Alain Martinez Jean Besse, bagafataho 14,50 ku ijana, ni ukuvuga miliyoni 58 z'amadolari bari gutwara. Birumvika-na ko bari guhaho ababashakiye



Ibantu bisa n'ibitunguranye, ni uko Minisitiri w'Imari, Bwana Rugenera Mariko yasinye kuri icyo gipapuro, Minisitiri w'Intebé, Agatha Uwilingiyimana nawe arasinya, babigeje kuri Guverineri wa Banki Nasisonari y'u Rwanda, Ntirugirimbabazi Denis «arabigarama», ati «sinasinyira kwiba igihugu.

MUTI KUKI GUVERINERI YANEZ GUSINYA ? UBUJURA MURI UWO MWENDA BWARI BURIHE ?

Tubibutse ko amafaranga yaguzwaga yari miliyoni 400 z'amadolari. Banki igurije ayo mafaranga

isoko aribo, Uwilingiyimana Agatha na Minisitiri Rugenera. Niyo babaha miliyoni 8 z'amadolari kuri 58 baba bavanyemo yaiba ari akayabo !. Miliyoni 8 z'amadolari ni hafi miliyari imwe na miliyoni 600 z'amanyarwanda.

Za miliyoni 400 z'amadolari, uvanyemo ayo banki itanje umwenda yasigarana 22 ku ijana, ukavanamo ay'abagize uruhare mu ku yaguza bahembwa 14,5 ku ijana, harasigara ibihumbi 254 ku bihu mbi 400 yagurijwe. Ni ukuvuga ko kuri miliyari 60 z'amafaranga y'amanyarwanda izo banki zagurijwe, hari kwinjira mu isanduku ya Leta miliyari 9 gusa.

# KA02 2044

KANGURA No 56 – Page 7

Nuko Guerineri wa Banki Nasiyonari, Bwana Ntirugirimbabazi Denis yanga gusinyira ibyo bintu' akaba rero aricyo gituma bamuhiga bukware ngo bamuhirike undi uzabasinyira amafaranga agakunda akaribwa.

Nicyo cyatumye, Minisitiri Rugenera Mariko yirengagiza ko Guverineri wa Banki Nkuru y Igihugu ashayirwaho na Perezida wa Repubulika, nibwo ashishimuye ibaru wa tariki ya 31/12/1993 ashayira-

ho Niyitegeka Gérard ngo asimburé by agateganyo Ntirugirimbabazi. Kandi azi neza ko nta burenganzira abifitiye.

Hacikanye amabaruwa menshi, avuga ko Niyitegeka ariwe uzajya asinya mu mwanya wa Guverineri. Ntirugirimbabazi ariko nawe yanangiyé ati «kayo mafaranga ntimuzayanyereza ndeba». Ubwo rero intambara ni yose muri Banki Nkuru y Igihugu ariko aba-

yishoje ni nka wa mugani wa bihehe ivuga ikagusha ku nyama. Nabo baragusha ku ifaranga kandry'akayabo. Miliyari 60 z'amanyarwanda bashaka kwigabanya, Leta bavuga ko bakorera igacyura umunyu.

Iyo tuvumbuye ibantu nk'ibi, tukabitangaza, Agatha na Rugenera bamera nka wa mujura wibye agafatwa bakamukubita mu gisebe ati «nakwibye ariko ibyo nanga ni ibingibi».

## PROMISSORY NOTE

Nº 01  
DATE OF ISSUE : 24 August 1993  
DATE OF MATURITY : 23 August 1994  
AMOUNT : FORTY MILLIONS US DOLLARS (40.000.000 \$)

For the value received, the Government of the REPUBLIC OF RWANDA

Herby irrevocably and unconditionally without protest and/or notification, promise and undertake to pay against this note to :

and/or their bearer, without recourse on maturity date, the sum of  
FORTY MILLIONS US DOLLARS  
in the bank :

This Promissory note is free from deduction for or on account of any taxes, impost, levies or duties present or future of the Government of

THE MINISTER OF FINANCE  
OF THE GOVERNMENT

THE GOVERNOR OF  
THE CENTRAL BANK



THE FIRST MINISTER  
OF THE GOVERNMENT

UWILINGIYIMANA Agathe.



I, undersigned  
attest the signature of  
of the Government of \_\_\_\_\_ and \_\_\_\_\_  
All gentlemen are known to me.

Public notary in \_\_\_\_\_ Herby

Date : \_\_\_\_\_

Notary Public (seal)

Ambassador (seal)

## PROMISSORY NOTE

Nº 01  
DATE OF ISSUE : 24 August 1993  
DATE OF MATURITY : 23 August 1994  
AMOUNT : FORTY MILLIONS US DOLLARS (40.000.000 \$)

For the value received, the Government of the REPUBLIC OF RWANDA

Herby irrevocably and unconditionally without protest and/or notification, promise and undertake to pay against this note to :

and/or their bearer, without recourse on maturity date, the sum of  
FORTY MILLIONS US DOLLARS  
in the bank :

This Promissory note is free from deduction for or on account of any taxes, impost, levies or duties present or future of the Government of

THE MINISTER OF FINANCE  
OF THE GOVERNMENT

THE GOVERNOR OF  
THE CENTRAL BANK



THE FIRST MINISTER  
OF THE GOVERNMENT

UWILINGIYIMANA Agathe.



I, undersigned  
attest the signature of  
of the Government of \_\_\_\_\_ and \_\_\_\_\_  
All gentlemen are known to me.

Date : \_\_\_\_\_

Notary Public (seal)

Ambassador (seal)

## D) PROMISSORY NOTES AUTHENTICATION

### CABINET DU PREMIER MINISTRE

We, undersigned FIRST MINISTER of the government, hereby irrevocably and unconditionally certify that the TEN (10) PROMISSORY NOTES of FORTY (40) MILLIONS US\$

with respective numbers :

01 à 10

are good, clean, authentic, and will be honoured by the government.

These Promissory Notes shall be endorsed by :

a) The signature and seal of the FIRST MINISTER  
b) The signature and seal of the BANQUE CENTRALE/GOVERNOR  
MINISTER OF FINANCE

Issued in : KIGALI

Issued on : 24 August 1993

THE FIRST MINISTER  
Nom : Agathe UWILINGIYIMANA

Seal



Are enclosed the Promissory Notes Draft

(seal)

## MANDAT DE NEGOCIATION ET POUVOIR

### CABINET DU PREMIER MINISTRE

Nous certifions par la présente que :

Messieurs Alain MARTINEZ et Jean BESSE  
Mandataires de banques  
Résidence Cannes-Park, 6 impasse Bellevue  
06400 CANNES (FRANCE)

détention de nous Procuration et Pouvoir de négocier en faveur de  
GOUVERNEMENT DE LA REPUBLIQUE RWANDAISE  
un emprunt auprès de la Prime-Bank de leur choix.

Cet emprunt sera garanti par 10 (dix) Promissory Notes de  
QUARANTE (40) millions de US\$ chacune,  
émises par notre Banque Centrale et authentifiées par nous.  
Ministère des Finances

En complément, Messieurs Alain MARTINEZ et Jean BESSE sont pleinement autorisés à ouvrir des comptes bancaires découlant de Pay-Orders et/ou d'instructions irrévocables émises par nous en faveur du Gouvernement.

À : KIGALI  
Le : 24 Août 1993

Nom, Signature et cachet précédés de la mention manuscrite Bon Pour Pouvoir.

Agathe UWILINGIYIMANA,  
Premier Ministre,



## ABANYAKIGALI BARAMBIWE UBUTEGETSI BWA RENZHO N'ABAPOLISI BE.



Muri Haïti, igihugu kiri mu nyanja y'Atlantika, mu birwa bita «Antilles» hahoze abantu bita «ton-ton macoutes». Kari agaco k'abagizi ba nabi, bitwaje intwarz, biri-rwaga bahohotera abaturage. Ngo uhagarikiwe n'ingwe aravoma, Abo bagizi ba nabi bari bashyigikiwe n'uwaheze ari Perezida wa Haïti, Jean Claude Duvalier ari newe bakorera. Ngo Imana ihora ihoze, Uwo munyagitugu wari wigize akaraha kajyahe, abaturage bahaguru kiye rimwe bamwivaniraho, agenda amaso atareba inyuma. Ubu arabu-ye nk'ikaritasi» iyo mu Bufaransa. Abaromani nibo babivuze neza bagira batu «Vox populi, vox dei». Ngo ijwi ry'abaturage ni ryo jwi ry'Imana.

Inkotanyi nizo zikunze kubeshya ngo interahamwe nizo zitwara nabi muri iki gihugu. Hari abagizi ba nabi kabuhariwe bemewe n'amategeko. Umpakanya azanyarukire kuri Perefegitura y'Umujiyi wa Kigali cyangwa se afate akanya atembere Umujiyi wa Kigali, yirebere amaro-rewa y'abapolisi ba Colonel Renzaho.

### RIBARA UWARIRAYE,

Mu bindi bihugu, ari ibyateye imbere mu majyambere ndetse n'i-bikiri mu nzira igana amajyambere, abapolisi baho batandukanye cyane n'abo tubona ino. Umupolisi ni umuntu abaturage bubaha kubera

akazi ashinzwe. Apfa gusa kukitwaramo neza.

Umupolisi cyangwa umujandarume ni umuntu ushinzwe kurinda umutekano w'abaturage. Bakamwiya-mbaza igithe bibaye ngombwa. Iyo ubonye umupolisi ntivagombye kugira ubwoba. Ahubwo umutima wawe wagombye kujya mu giterek. Kuko nyine uba ubonye ugu-humuriza.

Mu bindi bihugu 'umupolisi niwe uvobora abantu bayobye, agakiza amahane. Ahandi mabwo abapolisi bagendana imbunda kuko atari ngombwa.

Ngo ibijya gupfa bipfa kare. Abapolisi b'ino cyane cyane abo mu mu rwa mukuru ariwo Kigali, bitwara nk'abasirikari. Kuba abenshi muri bo ari ba «réservistes», ni ukuvuga bahoze mu gisirikari, ntibivuga ko bagomba kwitwara nk'abakiri mu kigo. Kuba kandi bategekwa na Li-yetena Koloneli cyangwa se Major ntibivuga ko Perefegitura y'Umujiyi wa Kigali ari ikigo cya gisirikari. Uzahura n'umupolisi wa Renzaho wumirwe. Uretse imbunda ya kali-shnikovu ipakoye amasasu no he-juru azaba yitwaje, uzamubonana ibiranga abasirikari byose kandi aba ngaba ba rukurankota. Ngiyo imigozi nk'iy'abakomando bo mu Bigogwe cyangwa se i Kotakori, ngyo ibyuma nk'iby'aba «ninja»... Hari n'abo usanga bambaye za «brevet» z'abakomando ndetse n'i-

z'abamanukira mu mitaka (parachutistes) ! Ngaho ! Abo bantu koko nibo bazahumuriza abaturage ?

### AMABANDI NK'AY'I CHICAGO...

Chicago ni umwe mu mijyi ikomeye yo muri Leta Zunze Ubumwe z' Amerika. Uwo mujyi urazwi cyane kubera ahanini n'uducu tw'a-mabandi kabuhariwe twitwaje intwarz, twawuyogoje. Njya numva ko mu Rwanda itegeko rihana bokomeye uwo ari we wese wibishije intwarz. Iryo tegeko niba rigikurikizwa, abapolisi ba Renzaho nibo bahanwa mbere y'abandi.

Muti kagire inkuru, Urebye uko abo bapolisi bitwara usanga ari agaco k'amabandi kahawé intwarz, «kemewe n'amategeko» kuko kagenawa kandi kagakorera Perefegitura y'Umujiyi wa Kigali. Harya ngo bashinzwe gacunga umutekano w'abaturage ! Bazabeshye ibindi ! Abapolisi ba Renzaho aho bageze hose ni iterabwoba rikora. Gufatira abant, ubusa, gusahura, n'ubusambo bugumba kuba buvanzemo n'ubushonji.

Nawe se muri iki gihe, igihugu kitagira n'ugitegeka, hari umuntu wari ukwiye kumara icyumweru cyose muri kasho ya Perefegitura azira gusa ngo ntaflite ibarate y'umusoro w'umubiri (Contribution Personnelle minimum) ? Nta wanze gusora. Ni ngombwa rwose kuri bri munyagihugu, Ariko se uzengurute umujiyi wa Kigali ugenda ubaza amabarate y'umusoro wa Komini, abo wa yasangana ni bangahe ? Bo-se se wabafunga ukabashyira he ?

Abapolisi ba Renzaho bazanyarukire kuri CND babaze «abavandimwe» bacu b'Inkotanyi imyaka bamaze badasorera Komini ! Ariko bareke gufungira abantu ubusa kubera amafaranga 500, akenshi unatanga ntibananuhe na quittance. Ese umuntu yabvirwa n'iki niba ayo mafaranga y'akamama umuntu atanga bamushyize ku kagozi ajya mu isanduku ya Perefegitura cyangwa se mu mufuka wa «Chef de Poste» ?

Ntawe ushyigikiye ubusinzi,

Ariko se muri iki gihe cya demokarasi ni nde ukwiye kwikoreza ibrahuri n'amacupa ngo yanyoye mu masaha y'akazi ? Amasaha y'akazi ni aya he ? Udagora nta

karye. Kandi koko iyo udakoze akazi ushinzwe ni wowe bireba, nta wundi. Ntabwo akazi ushinzwe kazakorwa ngo gatungane kubera ko ngo bakwikoreje ama-

cupa n'ibirahuri amanywa ava ! Cyangwa se ngo waciwe amande y'ibihumbi bibiri cyangwa bitanu, Ni ukwibeshya. Sibyo «mon Colonel»?

Kangura.

## BURUNDI : SYLVIE KINIGI: IYO U MUTUTSIKAZI AGAMBANIYE BENE WABO.....

Yezu akiri ku isi niwe wavuze ngo "nul n'est prophète dans son pays". Aribyo bisobanura ngo ntawe uba umuhanuzi mu gihugu cye. Impamvu yatumye Yezu avuga atyo ni uko yari afite abigishwa benshi aho yagendaga hose ariko yagera iwabo bakamufata nk'umutekamutwe. Ibyabaye kuri Yezu ntawe bitabaho. Sylvie Kinigi aho ari agomba kuba yibuka ariya magambo ya Yezu, agasanga nawe amureba.

Nyakwigendera Melchior Ndadye amaze gutorerwa kuba umuhutu wa mbere uyoboye u Burundi, yashiyizaho Minisitiri w'Intebu w'umututsikazi wo muri Upuna. Icyo kibazo abanyamakuru ba Kangura bakibajije Nyakwigendera Juvénal Ndayikeza wahoze ari Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu, none adusubiza ataduhishe. Yagize ari "Murazi mwese, umugambwe Sahwanya Frodebu, watoye Perezida w'amajwi 65 ku ijana. Ivo ni ibigaragara. Abagabo barabibonye, izuba ryarako. Tugije gutora abashingamategeko, Frodebu yaronse Intebu zihwanye na 81, ku ijana. Undi mugambwe umwe gusa, umwe wonyine niwo winanase ushika ku ntebe 19 ku ijana. Uwo ni Upuna. Dukurikije ivyo mbabwiye, dushobora gushiraho abategetsi bagera kuri 60 ku ijana ata nkomyi n'imwe duhuye nayo. Kubera ko ico dushyigikiye ari demokrasi, kandi tukaba lugombe kuyirera tukayikuza, niyo mpamvu twateganije amatora. Abo bose bafise agahigihigi bazoze bahiganwe n'abandi.

Twe twokwemera ico abaturage bazokwemeza. Hirya no hino mu butegetsi, n'ubwo twatsinze iriya ngene, twagiye dushirako n'abaturuka mu yandi mashaka. Abaturage ariko bakatubwira bat "oya, abo ntitubashaka. Twe twatoye Frodebu. Abandi ntitubazi. Twe twagerageje kumvisha abaturage ko tubigirira umubano mwiza ugomba kuba hagati y'imigambwe". Icyo gisubizo kirumvikana. N'ubwo

Frodebu yatsinze amatora yaba aya Perezida wa Repubulika cyangwa se ay'abadepite, demokarasi mu Burundi ni nk'uruhinja rukivuka rukeneve kurewa, rugakuzwa. Niyo mpamvu Frodebu yatangiye politiki yo kubana neza n'andi mashyaka. Ugasanga muri Guverinoma harimo abaminisitiri baturuka mu mashyaka ataragize na hamwe atsinda. Iyo witegereje neza usanga Ndadye yarakinaga politiki yo kuvumbya ku muturanyi.

Ikibazo cyaje kuvuka ni uko ba nyiri ukuvumbywa batabyemeye. Bakomeza kuvuga ko bahawe imyanya mike. Sylvie Kinigi amaze kugirwa minisitiri w'Intebu, abatutsi baketse ko azababera icyitso bityo gahunda ya Frodebu ntlyubahirizwe. Siko rero byagenze. Sylvie Kinigi n'ubwo bwose ari umututsikazi wo muri Upuna, yimye amatwi bene wabo. Yubahiriza inshingano yahawé, akorana neza n'umukuru bw'igihugu. Ababona ibantu uko bitari (imporona)

batangira gusakuza ngo itegeko nshinga rya Repubulika y'u Burundi nha umukuru w'igihugu ububasha nk'ubw'umwami.

Sylvie Kinigi yavuzwe cyane mu iyiwa rya Ndadye. Impamvu ni uko mu ijoro ryo ku wa 20 rishyira uwa 21 Ukwakira 1993, ntawagabye igitero iwe mu gihe abandi bategetsi bo hejuru barimo kugandagurwa. Ni ibantu byumvikana kuko abasirikari bakoze ayo marorerwa bari abatutsi. Nta mpamvu rero n'imwe yari yari gutuma bagandagura mwene wabo... kandi w'umugore !

Cyakora Sylvie Kinigi yaje kwitwara neza muri ayo makuba, yifatanya na Guverinoma kugarura umutekano mu gihugu. Kugeza igihe hatorewe undi mukuru bw'igihugu. Sylvie Kinigi, Major Petero Buyoya n'ubwo bwose ari abatutsi bo muri Upuna berekanye ko abatutsi bose atari babi !



## HARYA NGO INKOTANYI ZIZARWANA ! ZIZARWANE.....

Baca umugani mu Kinyarwanda ngo wirukana umugabo kenshi ukamumara ubwoba. Inkotanyi zigaba igitero mu Rwanda tariki ya 1/10/1990, abanyarwanda ntibari bazizi neza ari nayo mpamvu batitinya. Twumvaga ari abantu bamaze imyaka igera kuri 30 barwana. Ngo barwanye muri Mozambique, bavanaho igihangange Idi Amin, barwanya Obote kugeza aho bafatiye Kampala. Batubwiraga Rwigema tukumva ari umuntu w'igatangaza cyane cyane ko ngo ari we wafashe Kampala muri Mutarama 1986.

Nyamara ngo uguhiga ubutwari muratabarana. Inkotanyi zibwiraga ko u Rwanda rutarinzwe, ngo zishobora kurufata mu minsi itatu zarumiwe. Ku Nkotanyi zigera ku bihumbi icumi zinjiriye i Kagitu mba tariki ya 1/10/1990 izacitse ku icumu ni mbarwa niba hari izihari.

Cya «gihangange» Rwigema ngo cyarwanye muri Mozambique, kigafata Kampala cyapfuye urwa Goliati. Tariki ya 2/10/1990 niho ibye byarangiye. Bagenzi be nabo, ba Bayingana na Bunyenyezi ntibamaze ukwezi. Aho niho Inkotanyi zumvise ko ba ba «scout» (ndlr : niko inkotanyi zitaga ingabo z'tu Rwanda) nabo bazi kurvana.

Inkotanyi zitiraririye zakwemera ko nyuma ya kiriya gitero cyagu yemo inkotanyi hafi ya zose, zari zizi ko byazirangiranye. Zari zisigaye zigaba udutero shuma two gusahura gusa, udutero abaturage ubwabo bari basigaye bikomera imbere, ingabo z'tu Rwanda zitagombye kuhagera.

Inkotanyi zongeye kwisuganya aho amashyaka menshi aziye. Abanya-politiki b'ibisahiranda barazifashije ku buryo bugaragara, baca integre ingabo z'tu Rwanda bazumvisha ko ntacyo zirwanira. Habaye ahabagabo kuko tariki ya 8/2/1993, inkotanyi zari zinjiye muri Kigali, hakabura gato. None ntizagarukiye muri kilometero 30 gusa uvuje mu murwa mukuru ?



Ibyo ari byo byose, iterabwoba ry'Inkotanyi abantu bamaze kuri-menyera no kurirambirwa. Kandi burya iyo umugabo abuze icyo avuga, arya indimi. Ari nayo mpamvu inkotanyi iyo zibuze icyo zivuga zirata intambara. Bavuga ko intambara isenya, ntabwo yubaka. Ejo bundi, abanyarwanda bakunda igihugu cyabo ndetse n'amahanga barumiwe bumvise inkotanyi, Pasteur Bizimungu yihandagaza aka-vuga ko Inkotanyi zigiye kubura imirwano. Urwitwazo ngo ni uko ubutegetsi bw'inzibacyaho yaguye bwatinze kuuyaho. Nyamara se ni nde nyirabayazana ? Si Inkotanyi n'ibyitszo byazo nka Twagiramungu na Agatha Uwilingiyimana bako-meje kudindiza ishyirwaho z'izo nzego ?

Bizimungu hari icyo atazi. Uretse ko atanigeze ajya ku rugamba, nta mwana we wapfuye, yagombye nibura kumenya ko intambara iyo ariyo yose ari mbi. Kandi ngo umu-tego mutindi wica nyirawo.

Ikindi Pasteur Bizimungu atazi ni uko intambara yahinduye isura. Mu mezi ya mbere yakurikiye igitero cya tariki ya 1/10/1990, intambara yaberaga ahantu hadatuwe. Urugamba rwaberaga mu Mutara cyane

cyane muri Pariki y'Akagera. Abapfaga, abenshi ni abari bahanganye. Noneho rero mwibaze intambara yongeye kubura. Inkotanyi zigenzura agace gatuwemo n'abaturage batari bake. Kandi nazo rwarya abandi rutazirets. Hari iziri i Kigali muri CND n'ahandi, tutibagawa n'abategetsi ba FPR uhoreye kuri «chairman» wabo.

Pasteur Bizimungu n'Inkotanyi bene wabo bagomba kuba batareba kure. Imirwano yongeye kubura, hapfa abatutsi batagira ingano. Bazarabe mu Burundi. Abatutsi bagandagueye Ndadaye bagirango bongere bamarire ku icumu abahutu nk'uko byagenze muri za 72. Ngo urucira mu kaso rugatwara nyoko. Mu mvururu abatutsi b'i Burundi bashoje, abaziguyemo si abahuttu gusa nk'uko babyifuzaga. Haguyemo abatutsi batagira ingano.

Hari amakuru amaze gukwira ko inkotanyi zatangiye kwigabiza ka gace katarangwamo imirwano «zone tampon», zibwira abaturage ngo bahunge. Birabe ibuya ntibibe amaraso ! Inkotanyi mbere yo gu soza indi ntambara, zizabanze zibwire abatutsi bahunge. Naho ubu ndi, Sakindi izabyara ikindi.

NGEZE.

## BURUNDI : NDIKUBWIMANA JUSTINE ATI: "RYABARA UWARIRAYE".

NDIKUBWAMI Justine ni «u mukenyezi» (umugore) wa Nyakwigendera NDIKUBWAMI Richard wahoze ategaka ibiro bishinzwe iperereza muri Guverinoma ya Nyakwigendera Melchior Ndадауе. Na-we yagandaguwe kimwe n'abandi bafasha ba Ndадауе muri rya joro ritindi ryo ku wa 20 rishyira uwa 21 Ukwakira 1993. Ndiкубвами Richard ari mu bahigwaga cyane kurusha abandi. Mwisomere urwo rwandiko umugore we Ndiкубвами Justine yandikiye mu buhungiro i Kigali. Perezida w'inteko ishinga mategeko, amugezaho ibyabaye ku mugabo we.

Iyo baruwa irerekana ko ubugome bw'abasirikari b'abatutsi b'i Burundi bungana n'ubwa Bihehe !

NDIKUBWAMI Justine  
Kigali

Ibirimo : Ivyago vyadushikiye mu kwezi kw'icumi.

Kuri Nyakubahwa Perezida w'Imana Nshingamateka, mukongera mukaba Perezida w'Imfata-kibanza w'Umugambwe Sahanya-Frodebu i Bujumbura.

Nyenicubahiro Mukuru w'Inama Nshingamateka,

Ndi n'iteka ryo kubandikira, kugira ngo ndabamenyeshe ukuntu intureka yagenze mu rugo rwacu aho abansi b'Uburundi bagandagura umukuru w'igihugu na bamwe mu bo bafatanije inzira ya demokarasi.

Hari kw'igenekerezzo rya 20 rishira uwa 21 ni k'isaha umunani z'ljoro buca ari ku wa kane, niho twabona abasirikari bariko barananara icugi kinini co ku rupango basemera ngo «Richard, Richard, ugura ra».

Umwe asimbira mu rugo araheza aca yugururira abari inyuma. Bashitse baca bakikuza inzu yose, eka na ba bapolisi bita ba «municipale» bitwa ko bacunze urugo ntaco bakoze. Maze abasirikare batumbera mu

idirisha ry'icumba c'abana, aho nari nirukiye, batangura gutabagura u musegetera urinda imibu. Nkumva bavuga ngo «ico cumba sico bararamwo».

Mu kanya gato cane batangura mumenagura ivyirore vyo ku bwinjiriro bukur 'babimaze baca bariyugururira kuko imfunguzo z'u wo muryango twazirazamwo. Barinjira. Hinge rero batumbere xa cumba narimwo, bagerageza guhindu n'ingu & zabo zose biranka. Umwe ati : «hinge ndabereke». Emwe, eka nabo na imicanwa gusa yaka nk'incuro nka zine naho nye-ne umuryango ntiwugurutse. Sinzi icuma bazanye baraheza baragicomeka muri serrure, barashusha ku geza aho urugi rwugurutse. Twese na'abana twari musi y'ibitanda. Mbonye ataco ndamira, nca ndasohoka n'akayoya mu ntoke. Baca bankubita amakofe babaza ngo kui twatevye kwugurura. Nanje nti ni uko twumvise twatewe. Nabo bati «Ivyo wobisubiramwo ?». Eka barabandanya barankubita.

Ngo «Vuga n'inyyoya aho umugabo wawe ari». Nti «ntaho nzi». Bati «Kuki wari ngaha mu bana ?» Nti «nirukiyeyo kuko numvise twatewe». Bati «None umugabo wawe ntarataha ?» Nanje nti «naryamye ataraza». Agakaziye ka Amsteel kari aho mu cumba, aho bari batanguye kwinywera. Niho batanguye gusemerera umugabo wanje ngo «Richard, Richard, soko-roka muri iyi nzu mwe na Sylvestre». Ngo «ntacyo tubagira».

Batumbera mu cumba c'ababyeyi, bagenza kumu kwa mbere kugira ngo urugi rushobore kwu guruka. Bibashobeye baciye batangura kurasa amasasu menshi. Aho za-ye n'ubu haracoboneka ku gi-home c'ifzu n'ibitoboro gusa. Hanyuma batangura gucumita mmatela bavuga ngo «Richard vamwo». Aho rero bibaza ko yoba ari musi y'igitanda. Eka nyene iyo aba ari yo ari, ibibugita biraho ntivyari kumusiga bari gutwara inyama gusa. Murumva vyaratobaguye matela, bigahitananisha ikitanda, bagatobekeranya no hasi

muvisima ni ibinogo gusa. Bahidu kirira mu cumba c'ubwogero. Bashatse kugira nkuko bamye babinzenza ahandi, Richard yaciye abbwira ngo «Reka ndabugururire». Baca bamwambura amarore barata. Bamuzibura ivyuma mu mugongo no mu mbavu 'baraheza barashorera baragenda bamukikije. Akana kabonye ukuntu vyari bibabaje, kuko bamutwaye izosi rymaze kujandama niko kababwiye kati «Ariko Papa muramutwaye?» Kati «naaho mumutwaye ararushe!». Vya bimwenyi vyamwishuye ngo «Vaho wa mbwa we». Nanje nti «Ntimukore amaraso». Bati «Eka nta maraso dukora ngo turamugrukana». Amaso yabaye ayo.

Hanyuma bamwe nza mbona bagarutse bansaba inkoho. Nti «nimwirondere nta na hamwe mucimire. Bati «twereke aho buririra mu kuja kuri plafond. Ntiburiye ahu bwo bashikaye kumbaza aho Sylvestre yoba ari.

Nanje nti «aha ko atari iwe, ivyc kwa Sylvestre nobimenya gute ? Abasirikari bo bivugira ko bumvise Richard na Sylvestre bavugana kuri telephone, ngo ko bari hamwe. Je-we nababwiye ko ivyo namenya. Bambuze Ntibantunganya batangura kumbaza amafaranga dufise mu nzu 'aho compte yacu yoba iri. Ndabishuye ko atavyo dufise ntibanyuzwe, kugeza aho bambaza ko ata n'aya ration. Uduhumbi mirongo ibiri ndabaremeka baritwarira. Baca bala mu yo kunyambura ivyo nari nambaye mu izosi no ku maboko, ugufu tubiri dukozwe mwo iza-habu barajana, isaha, amahereni hamwe na gourmette. Umwe wese yacokeza mu mufuko ico yashoboye kunyambura, baca baragenda.

Bugie guca haraje ababanyi bajé kuraba ivyaraye bibaye, umwe ni we yashoboye kwinjira ari ku mwe na ba «municipale». Abana bari bamaze kugira umururumbo, mu nzu vyose bari bashanjaje, sinari gutora agati na kamwe. Uwo mubanyi ndamusaba ko yoja kunzanira utunini. Ari atunzaniye ntibamwemereye ko yinjira; nagiye ku wakirira hanze. Umupolisi aca ate-

geka kutagira icumba na kimwe nsubiramwo, ko twese, abana n'u muyaya, twoguma muri salon. Uko haca iminota itatu niko haza akarwi k'abaje gusaka, bashika ngo va hasi uje kutwerekwa inkoho. Nkaja imbere, Babura bagasohoka. Ivyo babigize incuro zirenga zirindwi. Abapolisi nabo bari bugaye inzugi zose zija hanze. Kugira ngo simbone aho ncarukira. Bicara kw'fbara za barancungiraho. Niyo njanye umwana kwituma, narinda kwisigura igituma mpagurutse.

Abasirikare bari basize babwiyé abapolisi ngo «uwo mugore ntabavane ngaho». Saa munani z'tjoro ryo ku wa kane buca ari ku wa gatanu 'bamwe baraye bakoze ibara baragaruka. Bati «Va hasi muze mwese». Banya fmafaranga ibihu mbi mirongo itanu mbere yuko t'genda. Bati «uzane n amashuka ku ko iyo muroye muraza kubikenera. Amafaranga baragumye, udushuka baratureka turatureka turarwitwirkira, baca batwuriza camion batu jana muri quartier hafi yaho twaba. Duhise imbere yo kwa Sylvestre barahagarara. Bati «aha urahazi ?» Nti nikwa Sylvestre. Bati «Ekokoko mwari muziranye». Bambaza imyaka y'abana, ndababwira iy'umwumwe.

Ngo mbega ururuka he ? Nanje ndadondora. Naho bambaza icyo vyose, karangamuntu bari bayinyatse ntarava mu nzu.

Bati «ni mwururuke». Bamenya urugo rwo kwa Muganga SIYAPATA, baratema utwatsi dukeyi two kudukekerako baratubwira bati «ni muzi». Ku mutima nti «birrarangiye ariko nyene iyo umunsi w'umuntu utarashika ntaco aba». Bati «turakugira uko twagize bene wanyu. Bati «ryama». Natwe turaryama nyene kuri utwo twatsi twihebuye. Haba ah fmana. Babanje kugira akanama, bamwe bati «reka ba sha, abandi bati «ntitu musiga». Umwe muri bo ati «uru yoya rwo murushira he ?»

Uwundi ati «turarusubiza mu nzu». Si nzi uwabakabuye ati «basha t'riko turagira ivyo batadutumye. Umwe ati «bagire bakwice». Nanje nti «ntaco bazoba hageze». Barahana itegeko ryo kuturasa. Ariko bamwe banka ko batwica baja haga-

ti. Duhagurutse ba bagome baguma bashaka kutwicira hamwe. Barabura aho babaca, baca bavuga ngo ni dutahe i muhira.

Aho ntibwari bwace. Kuko twari tuzi ko hari abo twasize mu rugo n'abandi mw'ibarabara, turatinya. Nsaba ka karwi kagaruye agatima runtu nti «nimuntabare mu ngeze yo. Uwundi aca aramvuma ngo «puu» nyamara tukugendani-re ? Baramuhoyahoye. Baratujana, tugeze imbere y trembo, hariho uwambwiye ko bari kunyica abo bandi barenganye. Abapolisi basigaye mu nzu bati «caha winjire». Twashikiye aho bari badukuye hanwe muri selon.

Mu gitondo kare kare co kuwa gatanu 'nk'isaha cumi na zibiri, haraje ikamyo ya gisirikari yuzuye abasoda. Binjira munzu ngova hasi utwerekibikoresho vya Leta biri mu nzu. Baza bambaza nabo nyene inkoho. Nti Eka nta nakimwe kihari. Bati none ibantu vyasandajwe na nde ? Nti ni abasirikare bavuye ngaha mukanya. Baciye bagenda ariko mu nyuma zabo-haguma haza abandi batubaza kwa-kundi kugera isaha zitandatu n'igice z'umurango.

Mu nyuma haje camionnette yuzuye abapolisi (municipale) naho nyene baje bambaza inkoho, fax.. Nanje nti ari inkoho ari fax 'nta na

kimwe kiri ngaha. Ko niyo biza kuhaba, bagenzi babo boba babitwaye kuva kera. Bagenda batwaye umuduga w'akazi (mercedes-voiture) n'aba bagenzi babo bakorana mu gipolisi ntawahasigaye, bose bagiye bajanje.

Haraciye nk'isaha yose ata basubiye kwinjira. Agatima kabaye nk'akagaruka ndasohoka nja kwicara hanze. Abanyuma niho bansanzo bati «va hasi n ihoga winjire mu nzu». Akantu kose babona gatekeye bambwira ngo ninkabahe. Nabo nye-ne baje basaba inkoho, Frigo barangaza. Utuntu twari mu bubiko bw'igikoni twose barasananza, barakwira mu rupangu barondera ngo ico twoca twaranyegeje, babuze ico bahitana barasohoka baragenda. Mu nyuma nasigaye nteka umutwe nibaza ukuntu nova aho hantu. Aho mboneye akaryo natunzwe n'ayo nameze.

Nguko Nyakubawa Perezida w'Imana nshingamateka mukongera mukaba Perezida w'Imfatakibanza w'Umugambwe Sahwanya-Frodebu ukuntu twaciye mumaguru yo muvyago vyashikiye Uburundi n'abarundi mu kwezi kw'icumi kw'uyu mwaka twaraye dusezeye wa 1993.

Bigiriwe i Kigali, itariki Nzero 1994

Sé NDIKUBWAMI Justine



## BURUNDI : NTARYAMIRA : DISIPULINE....DISIPULINE.....

### URETSE MU GISODA !



Igihe abanyamakuru ba Kangura bari i Burundi tariki ya 20/9/1993 babajije Nyakwigendera Melchior Ndadaye batu «Ni koko ubutegetsi buragenda buvugururwa. Nyamara hari abavuga ko mu byo mutegeka igisirikari kitarimo. Ari nayo mpamvu ngo kukivugurura bibakomereye...».

Yagiye kudusubiza aravuga ati : «Mbere na mbere, mu gihugu cose, inzego zose zitunganywa hakurikijwe politiki y'ico gihugu. Politiki tumaze gusezerera yari iteye ku buryo igisirikari cakozwe n'iyo politiki nyene, kitajanye na politiki y'u Burundi bushasha. Twasobanuriye abanyagihugu, n'abayobozi b'i-gisirikari ko ivyo bantu bigomba gu hinduka. Bose baravyumvise. Mu minsi iheze, twateye akamu abarundi bose kuza mu ishule rikuru rya gisirikari. Ntabwo twavuze ngo abatutsi nimube muretsse. Twahamagaye abanyagihugu bose. Ico twabashije kubona ni uko abahutu bagifite ubwoba bw'igisoda. Ibi birekana ko tugifise akazi ko kubatinyura tukabumvisha ko politiki y'u Burundi bushasha itagira uwo iheza mu ntwaremeheto.

Cakora nta mibare twakoze ngo haje abahutu aba n'aba, haje abatu tsu aba n'aba. Twoba dusubiye inyuma. Ntihazagire uzobabesha ngo muri iki gihugu hari aho nta-tegeka.

**PEREZIDA WA REPUBLIKA NIWE MUGABA MUKURU W'INTWARAMIHETO.**  
(cfr Kangura Spécial Burundi No 50 p. 9 — 10).

Ikibazo cy'igisoda cy'u Burundi twakibajije kandi minisitiri w'ingabo, Lt Colonel Ntakije Charles, igihe yatwakiraga muri minisiteri yo «kwivuna abansi» (y'ingabo). Twabajije uwo musirikari tuti «Igisoda ngo kigizwe n'ubwoko bu mwe» ? Yadushubije asa n'utwishongoraho ati : «Ivyo ni ivyanditswe n'ibinyamakuru vy'iwanyu n'ibinyamakuru vy'i Buraya. Ngaha iwa-cu hari amategeko agena kwinjira

mu gisoda. Umuntu asabwa kuba umurundi, abishoboye kandi abinyotewe. Vuba ngaha hari ibizamihi vyakozwe vyo kwinjira mu ishule rikuru rya gisirikari. Abiyise abahutu 6, 'bari biyandikishiye nk'abandi, nyuma baratsindwa. Nibwo batanguye gusakuza. Televiziyo y'u Burundi ica ishaka abo bantu batsinzwe. Bo nyene biyemereye ko ihi-ganwa ryabatsinze. Ico twe tubona ni uko hari abagifise ubushake buke bwo kuja mu gisoda». (cfr Kangura Spécial Burundi No 50 P. 6).

Ibyo bisubizo byombi bijya gusa. Byombi biragerageza guhisha iki-bazo kigaragara. Kuva u Burundi bwabona ubwigenge, ibisirikari cya-giye buri gihe kitabirwa n'ubwoko bumwe bw'abatutsi. Andi moko (abahutu n'abatwa) agahezwa. Impamvu kandi irumvikana. Hambe-re muri Afurika ndetse no mu bihu-gu bikiri mu nzira y'amajyambere muri rusange, nta wageraga ku bu-tegetsi atabuhawe n'abasirikari. A-ho inkubi y'umuyaga wa demokarsi igereye muri Afurika byabaye ngombwa ko abaturage bitorera abategetsi. Nubwo bwose abasirikari nabo basa n'abacengewe n'amtwara ya demokarasi, hari abagifite ibisigisi bya kera, Bakumva ko ibyo ari byo byose, uko byagende kose, aribo batanga ubutegetsi kuko aribo bafite imbunda. Abo dutangaho umugabo ni abasirikari b'abatutsi b'i Burundi. Nda-

daye yabibeshyeho, yizera ko nta kudeta ishobora kwongera kuba. Ibyabaye murabyibuka. Ndadaye ntiyamaze amezi arenga atatu, arangiriza ubuzima bwe muri «frigo» y'urwengero rwa byeri i Bujumbura, umurambo we bawuciyemo ibice.

Ndadaye yiyibagije ibyo abasirikari b'i Burundi bari baravuze kandi bakivuga. Baragira batu «Muzogitwara (abahutu) ari uko iminwa y'inkoho yazibye».

Ku wa gatandatu tariki 5/02/1994 nibwo Perezida mushya w'u Burundi Cyprien Ntaryamira yarahiriye kuyobora ighugu. Mu ijambo yavuze hari aho yagize ati «nzoharanira disipline mu barundi, mu migambwe, mu banyeshule, mu bakozi.., disipline ntwaremuheto...»

Abari aho bamuha amashyi menshi. Sinzi niba Perezida mushya (twaese twifuriza amahoro n'amahirwe) w'u Burundi yaraterekereje igihe kinini kuri iyo jambo. Uwahoze ari Perezida w'u Burundi, Major Petero Buyoya, nawe wari muri uwo muhango, niwe wahishuriye abantu impamvu abasirikari bagandaguye Ndadaye. Ngo ni uko yavuze ko agiye kuvugurura igisoda. Kuri Buyoya ngo niyo waba ufite uwo mugambi, ntuwuvuga ku mugaragaro !

Ntaryamira nawe ati «disipline mu gisoda». Birashoboka ? Keretse atari icy'i Burundi. Uru, 'i rwa Ndadaye rwagombye ku ubera isomo !

## INDA IBYARA MWERU NA MUHIMA : ABATUTSI SHAMUKIGA KAROLI NA KATABARWA ANDEREYA BASHATSE KWICANA.

Bunya koko inda ibyara mweru na muhima; ntabwo bene Sebahinzi aribo bamarana gusa. N'abari ku isonga ry'ababahiga bagiye gupfa ibifaranga. Nkuko mubyibuka, abagabo Shamukiga na Katabarwa mu gihe inyenzi zateraga ziciye ku masezera-no yo guhagarika imirwano tariki ya 8/02/1993 bari i Burayi basiragira hirya no hino batanga ibiganiro mbwirwa ruhame basakumye amafranga yo gushyigikira icyo gitero.

Ababa mu Bubiligi ntibazibagirwa ikiganiro batanze tariki ya 6/2/1993 i Buruseri baharabika uwabatonesheje akabakiza ndetse bakajya banyaruka bakamubeshya ngo bagiye kumusabira amahoro muri bene wabo za Bujumbura, Kampala n'i Buruseri ari we Perezida Habyarimana. Aho bagarukiye i Rwanda muribuka ibidorari bafatanywe ku Kibuga cy'i Ndege i Ka-

normbe, induru zikavuga abantu benshi bati "umva ko ibityso bitabaho!" Nsengiyaremye yari amaze iminsi avuze ko igihe cy'ibityso cyangangiye. Azongere abivuge !!! Ubu uwamuha ijambé yakwivugira linta-rumikwa !!!

Abasore bo ku kibuga bafatiriye ibyo bifaranga bateshejwe umutwe biratinda kandi bawuteshwa na bene Sebahinzi kugeza aho babisubiza Leta itabonye n'iry'umuti. Abo batesi b'abatutsi basobanuraga ko ayo madorari ari imfashanyo yo kubaka inzu i Kigali y'ubushakashatsi mu kurwanya Sida itaboroheye ! Ariko inzu yaje gutangira kubakwa koko hariya imbere ye Minisiteri y'Ubuzima, ahahoze ishuri ryisumbuye ry'abafasha b'abaganga (EAM). Sibwo Shamukiga yerezse Katabarwa aho abera mubi ? Yaramuhuguje biratinda kugeza n'aho

yiyibisha akiyemeza gufungisha umwana we. Ibyo uwo mukobwa yatugejejeho muri gereza ya Kigali tuzabitangaza mu numero itaha.

Ntibyahagarariye aho kubera ko ubwinshi bw'amafaranga bwatumye Shamukiga asaba abahungu be kwigana amasinya ari iye ari iya Katabarwa bakajya gufata amadorari muri banki. Iyo migambi yose Shamukiga yacuze yasanze nta kamaro ahitamo kumwivugana akoresheje amabandi. Muribuka ko bateye grenade iwe igafata ubusa agira ngo ibyo bifaranga bagatanyije abyikubire. Birabapfana none Katabarwa byamuviriyemo ghunga. Twiyamye rero ugumya gusebya Interahamwe ngo nizo zitera grenade. Ibyabo bagabo tuzabibage-zaho neza ubutaha.

NGEZE Hassan

## URUZINDUKO RWA KANGURA MU BURUNDI.

**NGEZE Hassan** Kigali, le 8/2/94  
Directeur-Rédacteur en Chef du  
Journal KANGURA  
B.P. 1312 Kigali  
Tél. 7 5408

A Son Excellence Monsieur le Président de la République du Burundi à Bujumbura.

Objet : Demande d'interview

Excellence Monsieur le Président,

La Rédaction du journal KANGURA est très heureuse de vous adresser ses vives félicitations suite à votre élection à la Magistrature Suprême de votre pays. Nous profitons de l'occasion pour vous adresser, à vous ainsi qu'à votre famille nos voeux de bonheur et de prospérité.

Excellence Monsieur le Président, nous sommes et nous avons toujours été sensibles au combat que vous et votre peuple menez pour faire du Burundi nouveau un Etat de droit et démocratique. Comme par le passé, nous serons toujours à vos côtés.

Excellence Monsieur le Président, c'est dans ce cadre que nous demandons une interview auprès de votre autorité. Si cette interview nous était accordé et nous l'espérons beaucoup, elle nous permettrait de donner une fois de plus un coup de

main à la politique initiée par votre illustre prédécesseur, Son Excellence, Feu Melchior Ndadaye.

Veuillez agréer, Excellence Monsieur le Président, l'expression de notre haute considération.

Pour le Journal KANGURA  
NGEZE Hassan

C.P.I.

- Monsieur le Ministre des Affaires Etrangères et de la Coopération KIGALI
- Monsieur l'Ambassadeur de la République du Burundi à Kigali
- Monsieur l'Ambassadeur de la République Rwandaise à Bujumbura

**NGEZE Hassan** Kigali, le 8/2/94  
Directeur-Rédacteur en Chef du  
Journal KANGURA  
B.P. 1312 Kigali  
Tél. 7 5408

A Son Excellence Monsieur l'Ambassadeur de la République Rwandaise à Bujumbura

Objet : concerne notre lettre de demande d'interview adressée à S.E. Monsieur le Président de la République du Burundi le 8/2/94

Excellence Monsieur l'Ambassadeur

La rédaction du Journal KANGURA a l'honneur de s'adresser à votre autorité et vous prie de bien vouloir transmettre à Son Excellence Monsieur le Président de la République du Burundi la lettre de demande d'interview que nous lui avons adressé le 8/2/94.

Veuillez agréer, Excellence Monsieur l'Ambassadeur l'expression de notre haute considération.

Pour le Journal KANGURA  
NGEZE Hassan



## UBWANDITSI BWA KANGURA

<b>NGEZE Hassan :</b>	Rédacteur en Chef
<b>NYABYENDA Issa :</b>	Rédacteur en Chef Adjoint
SIMBIKI Stanislas :	Journaliste
HITIMANA Noël :	Journaliste
<b>SIBOMANA NABANTU :</b>	Journaliste
HAIZIMANA Joël :	Secrétaire de Rédaction

## KAMINUZA IDASANZWE KU ISI.....

Aho nta handi ni ku Gisenyi aho ishuri Saint Fidèle ryitwa ko ari Kaminuza, rikaba ritagira nibura n'igare ryagenderwaho n'abayobozi b'iryo shuri. Guhera ku muyobozi wavyo kugera ku muzamu nta n'umwe ufashwe neza nkuko bimeze mu yandi mashuri. Niryo shami rihemba make, rifata nabi abarikorera dore ko ribafata n'ababoyi bo mu rugo.

Niryo shuri ryiba amashanyarazi ya Leta, maze Electrogaz ikabibona ariko igace-cka. Dore ko iyo unyuze ku muhanda w'inyuma yaryo usanga hari umugozi uzana amatara y'amibano ya Electrogaz maze ntihabe compteur ishobora kwishyurizwaho. Ibyo bibonwa n'uhahise wese. U Rwanda ko ari igihugu kigendra ku mategeko, rwarihishije ririya shuri amafaranga ya forfait miliyoni mirongo itatu n'esheshatu (36.000.000) kubera imyaka rimaze rikora kandi ryiba amashanyarazi. Ni naryo shuri kandi ritariha amazi na telefoni nkuko bigaragara muri Telecom na Electrogaz.

Iryo shuri kandi biragaragara ko ryahombeje Leta amafaranga atari hasi ya 102.000.000 kubera ko hari ibintu bitumizwa mu mahanga ku izina ry'iro shuri bikaguri-shwa i Kigali bitageze kuri iyo shuri nkuko byemezwa na Finance. Ririya shuri ryagombye guhagarara umwaka utaha. Ariko amahirwe make risigaranye ni uko ikigega FED gihagarariwe na Miniplan nayo itegekwa na MRND, icyo kigega kikaba gipfa kwohereza Abanyeshuri kirihiira akayabo kititaye ku nyungu z'igihugu n'abahiga, noneho cyameny ibikorerwa muri Saint Fidèle. Gusa icyo umuntu yakwibaza ni uko Ngirabatware wategekaga Miniplan yarasigiye iyo banga Ntagerura.

Kugeza ubu twe abo muri Kangura ntituramenya abashinze iyo shuri abo arivo kugira ngo tubegere badusobanurire icyo babitekerezaho. Niba ari abazungu niba ari abirabura nta wamenya. Gusa ikigaragara ni uko ryagiriye akamaro abarishinze gusa kubera akayabo kava muri kiriya kigega cya FED. Aho rigeze amazu yaryo yagombye guhindurwamo "Ecole primaire de Gisenyi" kuko usibye na Kaminuza ntiryanaba na Secondaire.

MAGIRA D.

GENERAL DALLAIRE N'INGABOZE  
BAGUYE MU MUTEGO W'IBIZUNGE-  
REZI  
0333625



**KA02 2053**

